

USHOBORA KUBA INCUTI Y'IMANA!





IBIRIMO

ISOMO RYA

- ◆ Imana Iragusaba ko Waba Incuti Yayo 1
- ◆ Imana Ni Yo Ncuti Nziza Iruta Izindi Zose Wagira 2
- ◆ Ugomba Kumenya Ibihereranye n’Imana 3
- ◆ Uko Wamenya Ibihereranye n’Imana 4
- ◆ Incuti z’Imana Zizaba Muri Paradizo 5
- ◆ Paradizo Iregeraje! 6
- ◆ Umuburo Duhabwa n’Ibyabaye mu Gihe Cyahise 7
- ◆ Abanzi b’Imana Ni Bande? 8
- ◆ Incuti z’Imana Ni Izihe? 9
- ◆ Uko Wabona Idini ry’Ukuri 10
- ◆ Anga Urunuka Idini ry’Ikinyoma! 11
- ◆ Bigenda Bite Iyo Umuntu Apfuye? 12
- ◆ Ubumaji n’Ubupfumu Ni Ibikorwa Bibi 13
- ◆ Incuti z’Imana Zirinda Ibibi 14
- ◆ Incuti z’Imana Zikora Ibyiza 15
- ◆ Garagaza ko Ukunda Imana 16
- ◆ Kugira ngo Ugire Incuti, Ugomba Kuba Incuti 17
- ◆ Ba Incuti y’Imana Iteka Ryose! 18

Iyi mfashanyigisho ntigomba kugurishwa. Ni imwe mu bikoreshwa mu murimo ukorerwa ku isi hose wo kwigisha Bibiliya, ushyigikirwa n’impano zitangwa ku bushake.

Niba wifuza gutanga impano, jya ku rubuga rwa www.jw.org.

Uretse aho byavuzwe ukundi, imirongo yose y’ibyanditswe yavanywe muri *Bibiliya Yera 1993*. Iyo imirongo y’ibyanditswe ikurikiwe n’inyuguti *NW*, iba ivuye muri Bibiliya yo mu rurimi rw’Icyongereza gihuje n’igihe tugezemo yitwa *New World Translation of the Holy Scriptures—With References*.

Ushobora kuba incuti y’Imana!

You Can Be God’s Friend!

Yacapwe muri Mutarama 2017

Kinyarwanda (gf-YW)

© 2000

Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Abanditsi

Printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC
1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739, R.S.A.


Made in the Republic of South Africa
Cyacapiwe muri Repubulika ya Afurika y’Epfo

IMANA IRAGUSABA KO WABA INCUTI YAYO

Imana ishaka ko uba incuti yayo. Mbese, waba warigeze utekereza ko ushobora kuba incuti y'Umuntu ukomeye kurusha abandi bose mu ijuru no mu isi? Aburahamu, wabayeho kera, yiswe incuti y'Imana (Yakobo 2:23). Hari abandi bavugwa muri Bibiliya na bo babaye incuti z'Imana maze bahabwa imigisha myinshi. Muri iki gihe nabwo, abantu bo mu mpande zose z'isi babaye incuti z'Imana. Nawe kandi ushobora kuba incuti y'Imana.

Kuba incuti y'Imana biruta kuba incuti y'umuntu uwo ari we wese. Imana ntiyigera itenguha incuti zayo z'indahemuka. (Zaburi 18:26, umurongo wa 25 muri *Biblia Yera*.) Kuba incuti y'Imana biruta kugira ubutunzi. Iyo umuntu w'umukire apfuye, amafaranga ye asigaranwa n'abandi. Ariko kandi, abagirana ubucuti n'Imana baba bafite ubutunzi badashobora kunyagwa n'umuntu n'umwe.—Matayo 6:19.

Hari abashobora kugerageza kukubuza kumenya ibihereranye n'Imana. Ibyo ndetse bishobora gukorwa na bamwe mu ncuti zawe, no mu bagize umuryango wawe (Matayo 10:36, 37). Niba abandi baguhaye urw'amenyo cyangwa bakagushyiraho iterabwoba, ibaze uti 'ni nde nshaka gushimisha—mbese ni abantu cyangwa ni Imana?' Tekereza nawe: hagize umuntu ukubwira ngo ntuzongere kurya, mbese wamwumvira? Birumvikana ko utamwumvira! Ukeneye kurya kugira ngo ubeho. Ariko Imana yo ishobora kukubeshaho iteka ryose! Bityo rero, ntuzigere wemera ko hagira umuntu n'umwe ukubuza kumenya uko ushobora kuba incuti y'Imana.—Yohana 17:3.




IMANA NI YO NCUTI NZIZA IRUTA IZINDI ZOSE WAGIRA

Kuba incuti y’Imana ni cyo kintu cyiza kuruta ibindi byose bishobora kuku-baho. Imana izakwigisha uko wagira ibyishimo kandi ukumva umerewe neza; izakubatura ku myizerere myinshi y’ikinyoma no ku bikorwa bishobora kuguteza akaga. Izumva amasengesho yawe. Izagufasha kugira amahoro yo mu mutima n’icyizere (Zaburi 71:5; 73:28). Imana izakuramira mu bihe by’akaga. (Zaburi 18:19, umurongo wa 18 muri *Biblia Yera.*) Kandi Imana iguhishiye impano yayo y’ubuzima bw’iteka. —Abaroma 6:23.




Uko uzagenda wegera Imana, ni na ko uzagenda ugirana imishyikirano ya bugufi n’incuti zayo. Zizaba incuti zawe nawe. Ni koko, zizakubera nk’abavandimwe na bashiki bawe. Zizishimira kukwigisha ibihareranye n’Imana, kandi zizagufasha zinagutere inkunga.

Nta bwo tungana n’Imana. Hari ukuri kw’ingenzi ugomba gusobanukirwa mu gihe ushaka kuba incuti y’Imana. Ubucuti uzagirana n’Imana si ubucuti burangwa hagati y’abantu bangana. Ni mukuru, umunyabwenge n’umunya-mbaraga cyane kuturusha. Ni yo Muyobozi wacu ubikwiriye. Bityo rero, niba dushaka kuba incuti zayo, tugomba kuyitega amatwi no gukora ibyo itubwira. Ibyo bizatugirira akamaro igihe cyose. —Yesaya 48:18.



UGOMBA KUMENYA IBIHERERANYE N'IMANA



Kugira ngo ube incuti y’Imana, ugomba kumenya ibihereranye na yo. Mbese, incuti zawe ntizizi izina ryawe kandi zikaba zirikoresha? Ni ko biri rwose. Imana na yo ishaka ko umenya izina ryayo kandi ukarikoresha. Izina ryayo ni Yehova (Yeremiya 16:21; Matayo 6:9). Ugomba nanone kumenya ibyo ikunda n’ibyo yanga. Ugomba kumenya incuti zayo izo ari zo n’abanzi bayo. Kugira ngo ushobore kumenya umuntu bisaba igihe runaka. Bibiliya ivuga ko ari iby’ubwenge kuzigama igihe cyo kwiga ibihereranye na Yehova.—Abefeso 5:15, 16.

Incuti z’Imana zikora ibiyishimisha. Tekezeza ku bihereranye n’incuti zawe. Nuzifata nabi kandi ugakora ibyo zanga, mbese zizakomeza kuba incuti zawe? Oya rwose! Mu buryo nk’ubwo, niba ushaka kuba incuti y’Imana, ugomba gukora ibiyishimisha.—Yohana 4:24.

Amadini yose si ko atuma abantu bagirana ubucuti n’Imana. Yesu, incuti magara y’Imana, yavuze ko hari inzira ebyiri. Inzira imwe ni ngari kandi yuzuye abantu. Iyo nzira ijyana ku kurimbuka. Indi nzira irafunganye, kandi abantu bake gusa ni bo bayinyuramo. Iyo nzira ijyana ku buzima bw’iteka. Ibyo bisobanura ko niba ushaka kuba incuti y’Imana, ugomba kumenya uko wayisenga mu buryo bukwiye.—Matayo 7:13, 14.



UKO WAMENYA IBIHERERANYE N’IMANA

Ushobora kumenya ibihereranye na Yehova binyuriye mu gusoma Bibiliya. Kera cyane, Imana yatoranyije abantu bo kwandika ibitekerezo byayo. Izo nyandiko banditse zitwa Bibiliya. Muri iki gihe, tumenya ibihereranye n’Imana binyuriye mu gusoma Bibiliya. Kubera ko Bibiliya ikubiyemo ijambo rya Yehova cyangwa ubutumwa bwe, nanone yitwa Ijambo ry’Imana. Dushobora kwemera ibyo Bibiliya ivuga, kubera ko Yehova atigera na rimwe abeshya. ‘Imana ntibasha kubeshya’ (Abaheburayo 6:18). Ijambo ry’Imana ni ukuri.—Yohana 17:17.



Bibiliya ni imwe mu mpano z’igicro cyinshi kuruta izindi zose twahawe n’Imana. Ni nk’ibaruwa umubyeyi wuje urukundo yohereza abana be. Itubwira ibihereranye n’isezerano ry’Imana ryo guhindura iyi si ikaba ubuturo bushimishije—ni ukuvuga paradizo. Itubwira ibyo yakoze mu gihe cyahise, ibyo irimo ikora ubu, n’ibyo izakora mu gihe kizaza ku bw’abana bayo bizerwa. Nanone kandi, idufasha gukemura ibibazo duhura na byo no kubona ibyishimo.—2 Timoteyo 3:16, 17.



Abahamya ba Yehova ni incuti z’Imana; bazagufasha gusobanukirwa ibyo Bibiliya yigisha. Babwire gusa ko ushaka kwiga Bibiliya. Ibyo babikora nta kiguzi (Matayo 10:8). Byongeye kandi, ushobora kujya mu materaniro ya Gikristo. Akorerwa mu mazu basengeramo yitwa Amazu y’Ubwami. Nujya mu materaniro ya Gikristo, uzagira ubumenyi ku byerekeye Imana mu buryo bwihuse cyane.

Ushobora kumenya ibihereranye n’Imana binyuriye ku bintu yaremye. Urugero, Bibiliya ivuga iti “Imana yaremye ijuru n’isi” (Itangiriro 1:1). Igihe Yehova yaremaga “ijuru,” yaremye izuba. None se, ni iki ibyo bitumenyeshya ku bihereranye n’Imana? Bitumenyeshya ko Yehova afite imbaraga nyinshi. Ni we wenyine washoboraga kurema ikintu gihambaye, nk’izuba. Nanone kandi, bitumenyeshya ko Yehova afite ubwenge, kubera ko kurema izuba ritanga ubushyuhe kandi rikamurika ariko ntirishye ngo rikongoke, byasabaga ubwenge.

Ibyo Yehova yaremye bigaragaza ko adukunda. Tekereza amoko anyuranye y’imbuto yose aboneka ku isi. Yehova yashoboraga kuduha imbuto z’ubwoko bumwe gusa—cyangwa ntanaziduhe rwose. Ariko kandi, Yehova yaduhaye imbuto z’ubwoko bwinshi zifite imiterere, ubunini, amabara n’uburyohe bitandukanye. Ibyo bigaragaza ko Yehova atari Imana yuje urukundo gusa, ahubwo ko agira n’ubuntu bwinshi, agatekereza ku byo abandi bakeneye kandi akaba agira ineza.—Zaburi 104:24.



INCUTI Z'IMANA ZIZABA MURI PARADIZO

Paradizo ntizaba imeze nk'iyi si turimo muri iki gihe. Imana ntiyigeze ishaka ko isi yuzura akaga, intimba, agahinda n'imibabaro. Mu gihe kizaza, Imana izahindura isi paradizo. Paradizo izaba imeze ite? Nimucyo turebe icyo Bibiliya ibivugaho:

Abantu beza. Paradizo izaturwamo n'incuti z'Imana. Zizagirirana neza. Zizabaho mu buryo buhuje n'inzira zikiranuka z'Imana.—Imigani 2:21.

Ibyokurya byinshi cyane. Muri Paradizo, nta nzara izaba ihari. Bibiliya igira iti “hazabaho amasaka menshi [cyangwa ibyo kurya byinshi] mu gihugu.”—Zaburi 72:16.

Amazu meza n'akazi gashimishije. Ku isi izaba yahindutse Paradizo, buri muryango uzaba ufite inzu yawo bwite. Buri muntu wese azakora akazi kamuhesha ibyishimo nyakuri.—Yesaya 65:21-23.

Amahoro ku isi hose. Abantu ntibazongera kurwana no gupfa bazize intambara. Ijambo ry'Imana rigira riti “[Imana i]kuraho intambara.”



—Zaburi 46:9, 10, umurongo wa 8 n’uwa 9 muri *Biblia Yera*.

Ubuzima buzira umuze. Bibiliya itanga isezerano rigira riti “nta muturage waho [muri Paradizo] uzataka indwara” (Yesaya 33:24). Nta n’ubwo hazabaho ibimuga cyangwa impumyi cyangwa ibipfamatwi cyangwa ibiragi.—Yesaya 35:5, 6.

Agahinda, intimba n’urupfu ntibizongera kubaho ukundi. Ijambo ry’Imana riravuga riti “urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi: kuko ibya mbere bishize.”—Ibyahishuwe 21:4.

Abantu babi bazaba barakuweho. Yehova atanga isezerano rigira riti “inkozi z’ibibi zizacibwa mu isi. Kandi abariganya bazayirandurwamo.”—Imigani 2:22.

Abantu bazaba bakundana kandi bubahana. Akarengane, gukandamizwa, umururumba n’inzangano ntibizongera kubaho ukundi. Abantu bazaba bunze ubumwe kandi bazabaho mu buryo buhujye n’inzira zikiranuka z’Imana.—Yesaya 26:9.



PARADIZO IREGEREJE!


Ibintu bibi bibera ku isi muri iki gihe bigaragaza ko Paradizo yegereje. Bibiliya yavuze ko twari kuzagera mu bihe by'akaga mbere y'uko Paradizo iza. Ubu turi muri ibyo bihe! Dore bimwe mu bintu byavuzwe muri Bibiliya ko byari kuzabaho:



Intambara zikomeye. “Ishyanga rizatera irindi shyanga, n’ubwami buzatera ubundi bwami” (Matayo 24:7). Ubwo buhanuzi bwarasohoye. Uhereye mu mwaka wa 1914, habayeho intambara ebyiri z’isi yose, n’izindi ntambara ntoya nyinshi cyane. Zahitanye abantu babarirwa muri za miriyoni.

Indwara zogeye hose. ‘Hamwe na hamwe’ hari kuzagenda habaho “ibyorezo by’indwara” (Luka 21:11). Mbese ibyo byarasohoye? Yego rwose. Kanseri, indwara y’umutima, igituntu, malariya, sida hamwe n’izindi ndwara byahitanye abantu babarirwa muri za miriyoni.

Ibura ry’ibiribwa. Hirya no hino ku isi, hari abantu badafite ibyokurya bihagije. Buri mwaka, abantu babarirwa muri za miriyoni bapfa bazize inzara. icyo ni ikindi kimenyetso kigaragaza ko Paradizo igiye kuza vuba aha. Bibiliya yari yaragize iti ‘hazaba inzara.’—Mariko 13:8.



Imitingito y’isi. “Hazabaho . . . ibishitsi hamwe na hamwe” (Matayo 24:7). Ibyo na byo byarasohoye muri iki gihe. Uhereye mu mwaka wa 1914, abantu basaga miriyoni bahitanywe n’imitingito y’isi.

Abantu babi. Abantu bari kuzaba “bakunda impiya” kandi “bikunda.” Bari kuzaba “bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana.” Abana bari kuzaba “batumvira ababyeyi babo” (2 Timoteyo 3:1-5). Mbese, ntiwemera ko hari abantu benshi nk’abo muri iki gihe? Ntibubaha Imana, kandi babuza amahoro abagerageza kumenya ibihereranye n’Imana.

Ubugizi bwa nabi. Nanone kandi, hari kuzabaho ‘ubugome bugwiriye’ (Matayo 24:12). Wenda wemera ko ubugizi bwa nabi bwashyirahamwe kwiyongera kurusha uko byari bimeze mu myaka runaka ishize. Ahantu hose, usanga abantu bugarijwe n’akaga ko kwamburwa, kuriganywa cyangwa kugirirwa nabi.

Ibyo byose bigaragaza ko Ubwami bw’Imana buri hafi. Bibiliya igira iti “nimubona ibyo bibaye, muzamenye yuko ubwami bw’Imana buri hafi” (Luka 21:31). Ubwami bw’Imana ni iki? Ni ubutegetsu bw’Imana bwo mu ijuru buzazana Paradizo kuri iyi si. Ubwami bw’Imana buzasimbura ubutegetsu bw’abantu.—Daniyeli 2:44.



UMUBURO DUHABWA N'IBYABAYE MU GIHE CYAHISE

Yehova ntazemera ko abantu babi bonona Paradizo. Incuti ze ni zo zonyine zizayibamo. Bizagendekera bite abantu babi? Kugira ngo tubone igisubizo, nimucyo dusuzume inkuru nyakuri ya Nowa. Nowa yabayeho mu myaka ibarirwa mu bihumbi yahise. Yari umuntu mwiza wahoraga yihatira gukora ibyo Yehova ashaka. Ariko abandi bantu bari bari ku isi bo bakoraga ibintu bibi. Bityo rero, Yehova yabwiye Nowa ko Yari agiye guteza umwuzure wari kurimbura ababi bose. Yabwiye Nowa ngo yubake inkuge, kugira ngo we



n'umuryango we baticwa n'Umwuzure mu gihe wari kuba uje.—Itangiriro 6:9-18.

Nowa n'umuryango we bubatse iyo nkuge. Nowa yaburiye abantu ko hari hagiye kuza Umwuzure, ariko ntibamwumva. Bakomeje gukora ibibi. Mu gihe inkuge yari imaze kubakwa, Nowa yinjije inyamaswa muri iyo nkuge, maze na we yinjirana n'umuryango we. Hanyuma, Yehova agusha imvura ya rukokoma. Iyo mvura yaguye iminsi 40 n'amajoro 40.



Amazi yasendereye ku isi hose.—Itangiriro 7:7-12.

Abantu babi barahatikiriye, ariko Nowa n’umuryango we bo bararokotse. Yehova yabarokoye Umwuzure ari bataraga, abashyira ku isi yakuweho ububi (Itangiriro 7:22, 23). Bibiliya ivuga ko hari igihe kizaza ubwo Yehova azongera kurimbura abantu banga gukora ibyiza. Abantu beza bo ntibazarimburwa. Bazabaho iteka ku isi izahinduka Paradizo.—2 Petero 2:5, 6, 9.

Abantu benshi muri iki gihe bakora ibintu bibi. Isi yuzuyemo akaga. Yehova akoze kohereza Abahamya be kenshi ku-gira ngo baburire abantu, ariko abenshi ntibashaka kumva amagambo ya Yehova. Ntibashaka guhindura imigirire yabo. Ntibashaka kwemera ibyo Imana ivuga ku bihereranye n’icyiza n’ikibi. Bizagendekera bite abo bantu? Mbese, hari igihe kizagera bagahinduka? Hari benshi batazigera na rimwe bahinduka. Igihe kiregereje ubwo abantu babi bazarimburwa, maze ntibazongere kubaho ukundi.—Zaburi 92:8, umurongo wa 7 muri *Biblia Yera*.

Iyi si ntizarimburwa; izahindurwa paradizo. Abahinduka incuti z’Imana bazabaho iteka muri Paradizo ku isi.—Zaburi 37:29.


ABANZI B'IMANA NI BANDE?



Umwanzi mukuru w'Imana ni Satani Diyabule. Ni ikiremwa cy'umwuka cyigome-tse kuri Yehova. Satani akomeza kurwanya Imana, kandi ateza abantu akaga kenshi. Satani ni umugome. Ni umubeshyi akaba n'umwicanyi.—Yohana 8:44.

Hari ibindi biremwa by'umwuka byifatanyije na Satani mu kwigomeka ku Mana. Bibiliya ibyita abadayimoni. Kimwe na Satani, abadayimoni na bo ni abanzi b'abantu. Bishimira kubabaza abantu (Matayo 9:32, 33; 12:22). Yehova azarimbura burundu Satani n'abadayimoni be. Basigaranye igihe gito gusa cyo guteza abantu akaga.—Ibyahishuwe 12:12.

Niba wifuza kuba incuti y'Imana, ntugomba gukora ibyo Satani ashaka ko wakora. Satani n'abadayimoni banga Yehova. Ni abanzi b'Imana, kandi nawe bashaka kuguhindura umwanzi w'Imana. Ugomba guhitamo uwo ushaka gushimisha—niba ari Satani cyangwa Yehova. Niba ushaka kuzabona ubuzima bw'iteka, ugomba guhitamo gukora ibyo Imana ishaka. Satani afite amayeri menshi n'uburyo bwinshi bwo kuyobya abantu. Hari benshi bashukwa na we.—Ibyahishuwe 12:9.



INCUTI Z’IMANA NI IZIHE?



Yesu Kristo ni Umwana wa Yehova akaba n’incuti ye magara. Mbere y’uko Yesu aba umuntu hano ku isi, yabanje kuba mu ijuru ari ikiremwa gikomeye cy’umwuka (Yohana 17:5). Hanyuma, yaje ku isi kugira ngo yigishe abantu ukuri ku bihereranye n’Imana (Yohana 18:37). Nanone kandi, yatanze ubuzima bwe bwa kimuntu kugira ngo akize icyaha n’urupfu abantu bumvira (Abaroma 6:23). Ubu ngubu, Yesu ni Umwami w’Ubwami bw’Imana, ubutegetsye bwo mu ijuru buzazana Paradizo kuri iyi si.—Ibyahishuwe 19:16.

Abamarayika na bo ni incuti z’Imana. Abamarayika ntibatangiye kubaho ari abantu ku isi. Baremewe mu ijuru mbere y’uko Imana irema isi (Yobu 38:4-7). Abamarayika babarirwa muri za miriyoni (Daniyeli 7:10). Izo ncuti z’Imana zo mu ijuru, zifuzaga ko abantu bamenya ukuri ku bihereranye na Yehova.—Ibyahishuwe 14:6, 7.

Nanone, Imana ifite incuti ku isi; ibita abahamya bayo. Mu rukiko, umuhamya avugaga ibyo azi ku bihereranye n’umuntu cyangwa ikintu runaka. Abahamya ba Yehova babwira abandi bantu ibyo bazi kuri Yehova n’imigambi ye (Yesaya 43:10). Kimwe n’abamarayika, Abahamya na bo bifuzaga kugufasha kumenya ukuri ku bihereranye na Yehova. Bifuzaga ko nawe waba incuti y’Imana.



UKO WABONA IDINI RY’UKURI

Niba ushaka kuba incuti y’Imana, ugomba gukurikiza idini ryemerwa n’Imana. Yesu yavuze ko “abasenga by’ukuri” bagomba gusenga Imana mu buryo buhuje n’“[u]kuri” (Yohana 4:23, 24). Hari uburyo bumwe gusa bw’ukuri bwo gusenga Imana (Abefeso 4:4-6). Idini ry’ukuri rijyana ku buzima bw’iteka, naho idini ry’ikinyoma rikajyana ku kurimbuka.—Matayo 7:13, 14.

Ushobora kumenya idini ry’ukuri witegereje abarikurikiza. Kubera ko Yehova ari mwiza, abamusenga by’ukuri na bo bagomba kuba abantu beza. Nk’uko igiti cyiza cy’icunga cyera amacunga meza, ni na ko idini ry’ukuri na ryo rituma abantu baba beza.—Matayo 7:15-20.

Incuti za Yehova zubaha cyane Bibiliya. Zizi ko Bibiliya yakomotse ku Mana. Zireka ibyo ivuga bikayobora imibereho yazo, bigakemura ibibazo zihura na byo kandi bikazifasha kumenya ibihereranye n’Imana (2 Timoteyo 3:16). Zigerageza gushyira mu bikorwa ibyo zibwiriza.



Incuti za Yehova zigaragarizanya urukundo. Yesu yagaragarije abantu urukundo binyuriye mu kubigisha ibihereranye n’Imana no gukiza ababaga barwaye. Abakurikiza idini ry’ukuri na bo bagaragariza abandi urukundo. Kimwe na Yesu, ntibasuzugura abakene cyangwa abo badahuje ubwoko. Yesu yavuze ko abantu bari kuzamenyera abigishwa be ku rukundo bagaragarizanya.—Yohana 13:35.

Incuti z’Imana zubaha izina ryayo, Yehova. Mu gihe umuntu runaka yaba yanga gukoresha izina ryawe, mbese uwo yaba incuti yawe ya bugufi koko? Oya! Iyo dufitte incuti, dukoresha izina ryayo kandi tukayivuga neza imbere y’abandi. Bityo rero, abantu bifuza kuba incuti z’Imana bagombye gukoresha izina ryayo, no kubwira abandi ibihereranye na yo. Ni ko Yehova ashaka ko tubigenza.—Matayo 6:9; Abaroma 10:13, 14.

Kimwe na Yesu, incuti z’Imana zigisha abandi ibyerekeranye n’Ubwami bw’Imana. Ubwami bw’Imana ni ubutegetsi bwo mu ijuru buzahindura isi paradizo. Incuti z’Imana zigeza ku bandi bantu ubwo butumwa bwiza buhereranye n’Ubwami bw’Imana.—Matayo 24:14.

Abahamya ba Yehova bagerageza kuba incuti z’Imana. Bubaha Bibiliya kandi bagakundana. Nanone kandi, bakoresha izina ry’Imana kandi bukaryubaha, bakigisha n’abandi ibihereranye n’Ubwami bw’Imana. Abahamya ba Yehova bakurikiza idini ry’ukuri ku isi muri iki gihe.



ANGA URUNUKA IDINI RY'IKINYOMA!

Satani n'abadayimoni be ntibifuza ko wakorera Imana. Baba bashaka gutuma buri muntu wese atera Imana umugongo uko byashoboka kose. Ni gute bagarageza kubikorera? Bumwe mu buryo bakoresha, ni idini ry'ikinyoma (2 Abakorinto 11:13-15). Idini riba ari iry'ikinyoma iyo ritigisha ukuri ko muri Bibiliya. Idini ry'ikinyoma ni nk'amafaranga y'amiganano—ashobora gusa n'aho ari



mazima, ariko akaba adafite agaciro. Rishobora kuguteza akaga kenshi.

Ibinyoma by'amadini ntibishobora gushimisha Yehova, Imana y'ukuri. Igihe Yesu yari ari ku isi, hari hariho itsinda ry'abanyedini bashakaga kumwica. Batekerezaga ko ari bo basenga mu buryo bukwiriye. Baravuze bati “dufite data umwe, ni we Mana.” Mbese, Yesu yaba yarabyemeye? Ashwi da! Yarababwiye ati “mukomoka kuri so, Satani” (Yohana 8:41, 44). Muri iki gihe, hari abantu benshi batekereza ko basenga Imana, ariko bakaba mu by'ukuri bakorera Satani n'abadayimoni be!—1 Abakorinto 10:20.

Nk’uko igiti kibi cyera imbuto mbi, ni na ko idini ry’ikinyoma na ryo rivamo abantu bakora ibintu bibi. Isi yuzuye akaga bitewe n’ibibi abantu bakora. Hariho ubwiyandarike, intambara, ubujura, gukandamiza abandi, ubwicanyi no gufata abagore ku ngufu. Abantu benshi bakora ibyo bibi bafite idini barimo, ariko idini ryabo ntiribasunikira gukora ibyiza. Ntibashobora kuba incuti z’Imana, keretse baretse gukora ibibi.—Matayo 7:17, 18.

Idini ry’ikinyoma ryigisha abantu gusenga ibigirwamana. Imana ibuzanya gusenga ibigirwamana. Ibyo ni ibintu bihuje n’ubwenge. Mbese, hagize umuntu runaka utajya akuvugisha na rimwe ariko akavugisha ifoto yawe, ibyo byagushimisha? Mbese, uwo yaba ari incuti yawe koko? Oya, ntiyaba ari yo. Yehova ashaka ko ari we abantu bavugisha, aho kuvugisha igishushanyo kibajwe cyangwa ishusho itagira ubuzima.—Kuva 20:4, 5.


Idini ry’ikinyoma ryigisha ko bikwiriye rwose kwicana mu gihe cy’intambara. Yesu yavuze ko incuti z’Imana zigomba gukundana. Ntiwakwica abo dukunda (Yohana 13:35). Ndetse n’ababi ntitugomba kubica. Igihe abanzi ba Yesu bari baje kumufata, ntiyemeye ko abigishwa be bamurwanirira.—Matayo 26:51, 52.

Idini ry’ikinyoma ryigisha ko ababi bazabarizwa mu muriro w’iteka. Ariko kandi, Bibiliya yo yigisha ko ibyaha bizana urupfu (Abaroma 6:23). Yehova ni Imana igira urukundo. Mbese, Imana yuje urukundo yahora ibabaza abantu iteka? Oya rwose! Muri Paradizo, hazabaho idini rimwe gusa, iryo Yehova yemera (Ibyahishuwe 15:4). Andi madini yose ashingiye ku binyoma bya Satani azaba yaravanyweho.



BIGENDA BITE IYO UMUNTU APFUYE?

Urupfu ni ikinyuranye n’ubuzima. Gupfa ni nko gusinzira ibitotsi byinshi cyane (Yohana 11:11-14). Abapfuye ntibashobora kumva, kubona, kuvuga cyangwa kugira icyo batekereza (Umubwiriza 9:5, 10). Idini ry’ikinyoma ryigisha ko abapfuye bajya ahantu h’imyuka kubana n’abakurambere babo. Ibyo si byo Bibiliya yigisha.



Abapfuye nta cyo bashobora kutumarira, kandi nta n’icyo bashobora kudutwara.

Abantu bakunze gukora imihango no gutanga amaturo bizera ko biri bushimishye abapfuye. Ibyo ntibishimisha Imana bitewe n’uko biba bishingiye kuri bimwe mu binyoma bya Satani. Nta n’ubwo kandi bishobora gushimisha abapfuye kubera ko nta buzima baba bafite. Ntitugomba gutinya cyangwa gusenga abapfuye. Imana yonyine ni yo tugomba gusenga.—Matayo 4:10.

Abapfuye bazongera kubaho. Yehova azakangura abari barapfuye, babe ku isi izahinduka paradizo. Icyo gihe turacyagitegereje (Yohana 5:28, 29; Ibyakozwe 24:15). Imana ishobora gukangura abapfuye, nk’uko nawe ushobora gukangura umuntu usinziriye.—Mariko 5:22, 23, 41, 42.


Igitekerezo cy’uko tudapfa ni ikinyoma cyakwirakwijwe na Satani Diyabule. Satani n’abadayimoni be batuma abantu batekereza ko imyuka y’abapfuye ikomeza kubaho kandi ko iteza abantu indwara n’ibindi bibazo. Satani ashuka abantu, rimwe na rimwe akabikora binyuriye mu nzozi no mu iyerekwa. Yehova aciraho iteka abagerageza kuvugana n’abapfuye.—Gutegeka 18:10-12

UBUMAJI N'UBUPFUMU NI IBIKORWA BIBI

Satani ashaka ko wakora ibikorwa by'ubumaji. Abantu benshi batambira abasekuruza cyangwa imyuka ibitambo kugira ngo birinde kugerwaho n'ibintu bibi. Ibyo babiterwa no gutinya imbaraga z'imyuka y'abapfuye. Bambara impeta cyangwa ibikomo by'impigi. Banywa cyangwa bakisiga "imiti" ivugwaho kuba ifite ubushobozi budasanze. Hari bamwe bafata ibintu runaka bemera ko bifite ubushobozi bwo kubarinda, bakabihisha mu mazu yabo cyangwa bakabitaba mu mbuga zabo. Abandi na bo bakoresha "igiti" runaka kubera ko bemera ko kizatuma batunganirwa mu by'ubucuruzi, mu gihe cy'ibizamini ku ishuri cyangwa mu kurambagiza.

Uburyo bwiza kuruta ubundi bwose bwo kwirinda Satani, ni ukugira Yehova incuti yawe. Yehova Imana n'abamarayika be bafite imbaraga zisumba kure cyane iza Satani n'abadayimoni be (Yakobo 2:19; Ibyahishuwe 12:9). Yehova ashishikazwa cyane no kugaragaza imbaraga ze arengera incuti ze—ni ukuvuga abamubaho indahemuka mu buryo bwuzuye.—2 Ngoma 16:9.

Ijambo ry'Imana rivuga riti "ntimugakore ibikorwa by'ubumaji." Yehova aciraho iteka ubumaji n'ubupfumu, bitewe n'uko ibyo bishobora gushyira umuntu mu maboko ya Satani Diyabule.—Abalewi 19:26, NW.



INCUTI Z'IMANA ZIRINDA IBIBI

Satani yoshya abantu gukora ibintu bibi. Umuntu ushaka kuba incuti y'Imana agomba kwanga ibyo Yehova yanga (Zaburi 97:10). Dore bimwe mu bintu incuti z'Imana zirinda:

Ibyaha by'ubusambanyi. “Ntugasambane” (Kuva 20:14). Kuryamana mbere yo gushyingiranwa na byo ni bibi.—1 Abakorinto 6:18.



Ubujura. “Ntukibe.”
—Kuva 20:15.



Ubusinzi. “Abasinzi . . . nti-bazaragwa ubwami bw'Imana.”
—1 Abakorinto 6:10.



Ubwicanyi, Gukuramo Inda.
“Ntukice.”—Kuva 20:13.



Kubeshya. Yehova yanga “ururimi rubeshya.”—Imigani 6:17.



Urugomo n’Umujinya Utagira Rutangira. ‘Ukunda urugomo [Yehova] aramwanga’ (Zaburi 11:5). “Imirimo ya kamere [ikubiyemo] . . . umujinya.”—Abagalatiya 5:19, 20.

Gutera Urusimbi. ‘Ntimukifatanye n’uwifuza ibibi.’—1 Abakorinto 5:11.

Inzangano Zishingiye ku Moko. “Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya.”—Matayo 5:43, 44.

Ibyo Imana itwigisha ni twe bigirira umumaro. Kwirinda gukora ibibi si ko byoroha buri gihe. Ubifashijwemo na Yehova n’Abahamya be, ushobora kwirinda gukora ibintu bidashimisha Imana.—Yesaya 48:17; Abafilipi 4:13; Abaheburayo 10:24, 25.



INCUTI Z'IMANA ZIKORA IBYZA

Iyo ufite incuti ushima kandi wubaha, ugerageza kumera nka yo. Bibiliya igira iti “Yehova ni mwiza, arakiranuka” (Zaburi 25:8, NW). Kugira ngo tube incuti z’Imana tugomba kuba abantu beza kandi bakiranuka. Bibiliya iravuga iti “mwigane Imana, nk’abana bakundwa. Kandi mugendere mu rukundo” (Abefeso 5:1, 2). Dore uburyo bumwe na bumwe ibyo bishobora gukorwamo:

Jya ufasha abandi. “Tugirire bose neza.” —Abagalatiya 6:10.


Jya ukorana umwete. “Uwibaga ntakongere kwiba, ahubwo akore imirimo, akoreshe amaboko ibyiza.” —Abefeso 4:28.

Komeza kuba umuntu utanduye mu buryo bw’umubiri no mu bihereranye n’umuco. “Twiyezeho imyanda yose y’umubiri n’umutima, tugende twiyejeshya rwose kubaha Imana.” —2 Abakorinto 7:1.



Ugaragarize urukundo abagize umuryango wawe kandi ububahe.

“Umuntu wese akunde umugore we nk’uko yikunda, kugira ngo umugore na we abone uko yubaha umugabo we. Bana, mujye mwumvira ababyeyi banyu.”—Abefeso 5:33–6:1.



Garagariza abandi urukundo.

“Dukundane; kuko urukundo ruva ku Mana.”—1 Yohana 4:7.

Wubahirize amategeko akurikizwa mu gihugu.

“Umuntu wese agandukire [ubutegets] . . . Mwishyure bose ibibakwiriye: abasoresha mubasorere.”—Abaroma 13:1, 7.

GARAGAZA KO UKUNDA IMANA



Kugira ngo ukomeze kugirana ubucuti n’umuntu, ugomba kuganira na we. Umutege amatwi, na we akagutega amatwi. Nanone kandi, incuti yawe uyivuga neza imbere y’abandi. Ni na ko bimeze ku bihereranye no kuba incuti y’Imana. Reba icyo Bibiliya ibivugaho:


Jya uganira na Yehova buri gihe binyuriye mu isengesho. “Mukomeze gusenga mushikamye.”—Abaroma 12:12.



Jya usoma Ijambo ry’Imana, ari ryo Bibiliya. “Ibyanditswe byera byose byahumetswe n’Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya.”—2 Timoteyo 3:16.

Jya wigisha abandi ibihereranye n’Imana. “Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, . . . mubigisha kwi-





tondera ibyo nababwiye byose.”—Matayo 28:19, 20.

Egera izindi ncuti z’Imana. “Ugendana n’abanyabwenge, azaba umunyabwenge na we.”—Imigani 13:20.

Jya ujya mu materaniro ku Nzu y’Ubwami. “Tujye tuzirikana[na] ubwacu, kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n’iry’imirimo myiza . . . duhugurane.”—Abaheburayo 10:24, 25.

Jya ushyigikira umurimo w’Ubwami. “Umuntu wese atange nk’uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa, kuko Imana ikunda utanga anezerewe.”—2 Abakorinto 9:7.




KUGIRA NGO UGIRE INCUTI, UGOMBA KUBA INCUTI

Ubucuti buba bushingiye ku rukundo. Uko uzagenda urushaho kumenya ibihareranye na Yehova, ni na ko uzarushaho kumukunda. Uko urukundo ukunda Imana rurushaho kwiyongera, ni na ko icyifuzo ufite cyo kuyikorera kizarushaho kwiyongera. Ibyo bizagusunikira kuba umwigishwa wa Yesu Kristo (Matayo 28:19). Ni wifatanya n’umuryango urangwa n’ibyishimo w’Abahamya ba Yehova, ushobora kuba incuti y’Imana iteka ryose. Ni iki ugomba gukora?

Ugomba kugaragaza urukundo ukunda Imana wumvira amategeko yayo. ‘Gukunda Imana ni uku, ni uko twitondera amategeko yayo: kandi amategeko yayo ntarushya.’—1 Yohana 5:3.

Jya ushyira mu bikorwa ibyo wiga. Yesu yavuze inkuru ibagaragaza. Umuntu w’umunyabwenge yubatse inzu ye ku rutare. Uw’umupfapfa we ayubaka ku musenyi. Ubwo hagwaga imvura ya rukokoma, ya nzu yubatswe ku rutare ntiyaguye, ariko ya yindi yubatswe ku musenyi yo yahise igwa bimwe bikomeye. Yesu yavuze ko abumva inyigisho ze bakazikurikiza bameze nka wa muntu wubatse inzu ye ku rutare. Ariko abumva inyigisho ze ntibazikurikize bo bagereranywa na wa wundi w’umupfapfa wubatse inzu ye ku musenyi. Wifuzza kuba nka nde muri abo bombi?—Matayo 7: 24-27.





Kwiyegurira Imana. Ibyo bivuga ko wegera Yehova mu isengesho, ukamubwira ko wifuza gukora ibyo ashaka iteka ryose. Gukora ibyo Imana ishaka bigaragaza ko uri umwighisha wa Yesu Kristo.—Matayo 11:29.

Kubatizwa. “Ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe, wamba[z]e izina rye.”—Ibyakozwe 22:16.

Ifatanye mu buryo bwuzuye mu gukorera Imana. “Ibyo mukora byose, mubikore mubikuye ku mutima, nk’abakorera Shobuja mukuru, badakorera abantu.”—Abakolosayi 3:23.

BA INCUTI Y'IMANA ITEKA RYOSE!

Kubona incuti bisaba imihati; gukomeza kugira incuti na byo bisaba imihati. Imihati uzashyiraho kugira ngo ube kandi ukomeze kuba incuti y'Imana izaguhesha imigisha myinshi. Yesu yabwiye abamwizeye ati “ukuri ni ko kuzababātūra” (Yohana 8:32). Ibyo bisobanura iki?

Ushobora kugira umudendezo uhereye ubu. Ushobora kwigobotora ku nyigisho z'ikinyoma no ku binyoma byakwirakwijwe na Satani. Ushobora kwigobotora mu mimerere yo kwiheba iranga imibereho y'abantu babarirwa muri za miriyoni batazi Yehova (Abaroma 8:22). Incuti z'Imana zigobotora no mu bwoba bwo “gutinya urupfu.”—Abaheburayo 2:14, 15.

Ushobora kuzagira umudendezo mu isi nshya y'Imana. Mbega umudendezo uhebuje ushobora kuzagira mu gihe kizaza! Ku isi izaba yarahindutse Paradizo, hazabaho umudendezo wo kuvanirwaho intambara, indwara n'ubugizi bwa nabi. Umudendezo wo kuvanirwaho ubukene n'inzara. Umudendezo wo kuvanirwaho gusaza n'urupfu. Umudendezo wo gukizwa ubwoba, gukandamizwa n'akarengane. Bibiliya yerekeza ku Mana igira iti “upfumbatura igipfunsi cyawe, ugahaza kwifuza kw'ibibaho byose.”—Zaburi 145:16.



Incuti z’Imana zizabaho iteka. Ubuzima bw’iteka ni impano y’igicro cyinshi Imana izaha abantu bose bashakakugirana ubucuti na yo (Abaroma 6:23). Tekereza nawe icyo ubuzima buzira iherezo buzaba ari cyo kuri wowe!

Uzabona igihe cyo gukora ibintu byinshi. Ushobora kuba wifuza kuzamenyagucuranga igikoresho runaka cy’umuzika. Cyangwa ukaba ushaka kuzamenyagushushanya cyangwa se kuzaba umwubatsi. Ushobora kuba wifuza kuzamenya ibihareranye n’inyamaswa cyangwa ibimera runaka. Cyangwa birashoboka ko wifuza kuzatembera ukareba ibindi bihugu n’abantu banyuranye. Ibyo byose bizashoboka bitewe n’uko uzaba ufite ubuzima bw’iteka!

Uzabona igihe cyo gushaka incuti nyinshi. Kubaho iteka bizatuma ushobora kumenya abandi bantu benshi bazaba barabaye incuti z’Imana. Uzamenya ubuhanga bwabo n’imico yabo myiza, kandi bazaba incuti zawe nawe. Uzabakunda na bo bagukunde (1 Abakorinto 13:8). Kubera ko uzaba ufite ubuzima buzira iherezo, bizatuma ubona igihe cyo kugirana ubucuti na buri muntu wese uzaba uri ku isi! Ikirenze ibyo byose ariko, ubucuti bwawe na Yehova buzagenda burushaho gukomera uko ibinyejana bizagenda bihita. **Turakwifuriza ko waba incuti y’Imana itekaryose!**





Niba wifuza ibindi bisobanuro, jya kuri www.jw.org/rw
cyangwa ubaze Abahamya ba Yehova.



9f-YVW
170629